/B.J./M.A.M./

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE

ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

B.P. 1044 KIGALI.

Kigali, le 30 Avril 1984

N° 1578 /15.06.02

22/5/84

Nyakubahwa Ministri w'Ingabo

z'Igihugu

K I G A L I.

Impamvu: Inyandiko-mvugo y'inama yabereye mu Kigo cy'i KANOMBE

Nyakubahwa Ministri,

Mboherereje hamwe n'uru rwandiko inyandiko-mvugo y'inama nayoboye mu Kigo cy'i KANOMBE taliki 6 Werurwe 1984.

Muli iyo nama twibanze ku ngingo zikuli-kira:

- Politiki ya Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ku byerekeye uburere n'ubuyobozi bw'urubyiruko
- Imikorere y'abalimu mu bigo by'urubyiruko
- Amashuli n'ibikoresho mfashanyigisho

Mboneyeho umwanya wo kubamenyesha ko "remise et reprise" yakozwe mu bigo byose kandi yagenze neza.

Nkaba mbashimira inkunga ikomeye mwakomeje kudutera.

Minisitiri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Prezida wa Repubulika y'u RWANDA K I G A L I.
- Bwana Umunyamabanga Mukuru muli Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative K I G A L I.
- ✓ Bwana Diregiteri Jenerali w'Urubyiruko K I G A L I. NTAMITONDERO
- Bwana Diregiteri w'Ikigo cy'Urubyiruko (S.C.J)

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YABEREYE
MU KIGO CY'URUBYIRUKO I KANOMBE
TALIKI 6 WERURWE 1984.

=-=-=-=-=-=-=-=-=

I. Ibyali ku murongo w'ibyigwa

A) Gusobanura Politiki nshya ya Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ku byerekeye uburere n'imibereho y'Urubyiruko.

B) Imikorere y'abalimu mu bigo by'Urubyiruko

C) Amazu n'ibikoresho

D) Imiterere nshya y'ibigo bya "S.C.J."

E) Ibibazo.

II. Abali muli iyo nama

- Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Milita NDINDILIYIMANA Agusitini, Major BEM ali na we Prezida w'inama,
- Lt. Colonel RUHASHYA Epimaki, Umuyobozi Mukuru wa S.C.J.,
- Bwana NTAMITONDERO Alufonsi, Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko,
- Bwana KURAZIKUBONE Yozefu, Diregiteri wa "Encadrement et Formation"
- Bwana HAKIZIMANA Protazi, Umukozi wo muli "Bureau Formation"
- Bwana BAGOYI Yozefu, Umukozi wo muli "Bureau Formation"
- Adjudant NDAMAGE, Diregiteri w'Ikigo cy'i KANOMBE
- Abayobozi n'Abalimu bo mu bigo bya S.C.J.

III. Imigendekere y'Inama

- Inama yatangiye saa tatu igeza saa tanu n'igice
- Mbere y'uko inama itangira, Lt. Colonel RUHASHYA Epimaki yafashe ijambo. Yavuze ko atali ubwa mbere Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative abonana n'abayobozi n'abalimu bo mu bigo bya S.C.J. Yibukije ko kuva aho Umukuru w'Igihugu atangalije muli Disikuru-Programu yo kw'italiki ya 8/1/1984 ko Ibigo byose by'Urubyiruko byeguliwe Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, usibye iby'ingororamuco, we na Ministri bafashe umugambi wo gusura ibigo byose bya S.C.J. bibonera uko bikora.
Ministri yifuje rero kubahuliza hamwe ngo abagezeho amatwara ya Minisiteri ayobora.

.../...

- Milita Ministri yafashe ijambo ashimira Lt. Colonel RUHASHYA ibyo amaze kuvuga.
Mbere yo gusobanura amatwara ya Minisiteri ayobora, no gukulikiranya ibili ku murongo w'ibyigwa, yavuze ko agomba kubahiliza icyemezo cy'Umukuru w'Igihugu gikubiye muli Disikuru-Programu iherutse gutangazwa. Icyemezo yafashe cyerekeye ibigo bya S.C.J. ni itegeko ligomba kubahilizwa. Kwakira ibyo bigo ntibizabura gutera ingorane kuko byali bifite amategeko abigenga yihaliye, adahuje n'agenga ay'ibyo dusanganywe.
Twarabasuye, tubona imikorere yanyu n'ingorane mufite cyane cyane nk'ibyerekeye imishahara n'ibilibwa. Tumaze kubasura, twandikiye Ministri w'Ingabo z'Igihugu ngo akomeze gushyigikira ibigo bya S.C.J. Icyifuzo cyacu yaracyemeye kuko kugeza ubu mugifashwe neza nta ngorane.
Ibyerekeye imishahara, ba Prefe bahawe amabwiliza ngo abakozi bose bahembwe kugeza ubu nta ngorane zihali.
Milita Ministri arangije ayo magambo, yasobanuye mu magambo arambuye ibili ku murongo w'ibyigwa muli aya magambo.

A) <u>Politiki nshya ya Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ku byerekeye uburere n'imibereho y'Urubyiruko</u>.

- Urubyiruko rwacu nirwo Rwanda rw'ejo. Tugomba kurutegura bihagije no kurutera inkunga ngo ruzashobore kwigilira akamaro no kukagilira Igihugu.
Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative igomba kwita ku Rubyiruko rutazi gusoma no kwandika n'urutarashoboye kurangiza amashuli.

a) <u>Uburere</u> : Umukuru w'Igihugu yibukije kenshi ko ababyeyi alibo bafite uruhare runini mu burere bwiza bw'abana babo. Yabasabye kubatoza gukoresha amaboko yabo, kubalinda kuzerera no kuba ibyomanzi kuko babahora iruhande.
Urubyiruko rugomba kwitabwaho hakili kare. Minisiteri igomba gufasha ababyeyi gutegura U Rwanda rw'ejo, rugakangukira amajyambere. Abategetsi b'inzego zose basabwe kudutera inkunga muli uwo mulimo utoroshye.
Ikindi cy'ingenzi cyatuma urubyiruko rurushaho kwitabwaho, ni ukurutoza kwibumbira mu mashyirahamwe haba mu buhinzi, ubworozi no mu myuga. Amashyirahamwe nibwo bulyo bwiza bwo gutegura urubyiruko gushaka ikizarutunga. Ayo mashyirahamwe agomba gutera imbere akagera mu rwego rwa koperative.

.../...

b) <u>Ibigo by'Urubyiruko</u>

Politiki dukulikiza mu bigo by'Urubyiruko twagiye tuyisobanura bihagije mu materaniro menshi cyane cyane mu mibonano twagiranye dusura ibigo mukoreno.

- Ibigo by'Urubyiruko bigamije gutoza abana bacu uburere buhagije ngo bashobore kwirwanaho bakoresheje amaboko yabo n'ubwenge.
- Ibigo by'Urubyiruko si amashuli yisumbuye ahubwo ni aho urubyiruko rwitoreza gukora maze rukubahiliza intego y'Umukuru w'Igihugu cyacu wavuze ati "U Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo".
- Ibigo by'Urubyiruko ni byo bigomba gushyigikira amashyirahamwe biyafasha kwakira no kugulisha mu masoko ibyo yejeje.
- Abategatsi ba Komini basabwe kwita ku mikorere y'ibigo by'urubyiruko cyane cyane mu gihe cyo gutoranya abana bageze igihe cyo kwihugura. Igihe biga n'igihe barangije, abategetsi bagomba kubakulikirana kugira ngo imibereho yabo izarusheho kuba myiza kandi bategure n'ukuntu babatera inkunga nko kubabonera imilima rusange yakorerwamo iby'ubuhinzi n'ubworozi.
- Programu y'inyigisho ikulikizwa yemejwe n'inama yabereye i Kigali kuva taliki 23 kugeza taliki 27 Ugushyingo 1982. Iyo nama yali yahuje abashinzwe urubyiruko bo mu nzego zose. Amabwiliza ayiherekeje yoherejwe taliki 17 Gashyantare 1983. Abana bagomba kwigishwa ibihuje n'akarere batuyemo. Nk'uko Umukuru w'Igihugu yabisobanuye, inyigisho zigomba kwibanda ku buhinzi, ubworozi n'imyuga. Inyigisho rusange nko gushinga koperative, kwita ku muco wacu zateganyijwe muli programu.
- Programu y'inyigisho igomba gutegurwa ku bulyo buli kigo gishobora kongera umusaruro maze inkunga ya Minisiteri ikajya igenda igabanuka cyane cyane ku byerekeye ibilibwa.
  Imali ivuye mu musaruro izajya ibitswa muli Banki kugira ngo ikigo kizabone uko kigoboka abana barangije kwiga kibagulira nk'ibikoreshofatizo.
- Nta mpamyabushobozi dutanga iyo abana barangije kwiga. Icyangombwa ni uko babona inyigisho zihagije zerekana ko ali abahinziborozi ba kijyambere baharanira kubona ibibatunga bihagije kandi basagulira amasoko cyangwa bahugukiwe mu bumenyi bw'imyuga nko kwiyubakira inzu itunganye, kubaza ibikenerwa mu rugo, mbese kuba icyo bita "ouvrier qualifié" mu gihe cy'imyaka ibili. Minisiteri yahisemo guha abana barangije icyemezo cyitwa "Attestation de fréquentation".

.../...

- Ibigo byo mu mijyi : Kwigisha guhinga no korora ni byiza aliko iyo programu ibereye mu cyaro gusa kuko mu mijyi bidakunda gushoboka.

  Kenshi usanga urubyiruko rukeneye kwiga imyuga ihuje n'akazi kaboneka mu mijyi, nko kudoda, gukanisha, gusudira, ubushoferi, amashanyarazi n'ibindi.

  Twasabye abagiraneza bifuza gushinga ibigo bigamije bene iyo myuga ko babanza kwiga niba koko abana bakira bazabona akazi barangije, n'aho ubundi byaba kongera ibibazo by'abashomeli Igihugu gisanganywe. Ngiyo Politiki nshya twifuza mu bigo by'Urubyiruko dushinzwe.

B) Imikorere y'Abalimu mu bigo by'Urubyiruko

Hagomba kuboneka abalimu babifitiye ubumenyi n'ubushobozi. Abali basanzwe batabizi neza bagomba kubisa ababishoboye. Mu bigo binini hateganyijwe "organigramme" iteye itya :
- Umuyobozi w'ikigo n'umufasha we
- Umugengamali w'ikigo
- Abalimu babili n'umufasha muli buli nyigisho z'imyuga
- Umwanditsi
- Abazamu.

Buli Mukozi agomba kumenya icyo ashinzwe akacyubahiliza.

C) Amazu n'ibikoresho mfashanyigisho

a) Aho abana bigira hagomba kuba hagutse, hakarangwa n'isuku. Abana bagomba gutozwa kwikorera ibikoresho bakenera biga, bakamenya kwiyubakira amazu. Umwana mu gihe yiga, agomba gukurana umuco n'akamenyero ko kwikorera ibikoresho akeneye.
Na none ku byerekeye amazu yo kwigishirizamo, Milita Ministri yavuze ko Minisiteri izatanga amabwiliza y'ukuntu buri kigo kigomba gutunganya aho gikorera.

b) Ibyerekeye integanyanyigisho
Hagomba kuboneka ibitabo abigisha bareberamo bategura amasomo yabo.

D) Izo ngingo zirangiye Milita Ministri yasuzumye uburyo bugaragara bwo kwakira ibigo by'urubyiruko byagengwaga na Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu. Ibyo bigo bilimo ibyiciro bibili.

a) Ibigo bitanga inyigisho kandi byibanda ku musaruro
Hali MAYANGE, KANOMBE, KIRWA na MUTURA. Mu kigo cy'i MAYANGE barorora, batunze inka zirenze ijana; i Kanombe borora inkoko n'inka, bafite n'isarumara n'ateliye y'ubudozi; i Kirwa barorora, bafite n'umulima munini w'urutoke, i Mutura borora inka.

.../...

b) <u>Hali ibigo byibanda cyane cyane mu kwigisha</u>
Konshi usanga umusaruro bifite udahagije. Ibyo bigo ni nk'ibili i Mpanda, Nyanza, Mukingo, Rwabuye, Cyangugu na Kibuye

- Ibigo bifite umusaruro uhagije, Minisiteri igomba gucunga imikorere ya byo no kubisura buli gihe.
- Ibindi bigo bisigaye ni ukubishinga abategetsi bo mu karere bikoreramo cyane cyane ba Burugmestri. Imhamvu ni uko ibigo bitagomba kuba nyamwigendaho. Ubuyobozi bwa Komini bugomba kumenya uko bikora, bukabitera inkunga.

  Muli uko gufatanya n'abategetsi b'aho ibigo bikorera, Ministri yiyemeje kuzabagenderera, akumvikana nabo ukuntu bazajya bagenzura imikorere y'ibigo by'urubyiruko.

  Kugira ngo hatazavuka amacakubili hagati y'ibigo bisanzwe by'urubyiruko n'ibya "S.C.J.", Milita Ministri yafashe icyemezo cyo kuvanga abakozi. Tabulo yometse kuli iyi nyandikomvugo, irerekana uko mitasiyo ziteye.
- Milita Ministri amaze gutangaza za mitasiyo, yasabye abazibonye kubahiliza itegeko maze abafite ingorane bakazazimugezaho nyuma.

  Yabwiye abayobozi b'ibigo gutegura vuba "remise et reprise" no kutagira ibyo banyereza.

c) Ihinduka ly'ikintu burya iteka lijyana n'ingorane nshya.
Milita Ministri yagejeje ku bari mu nama ingorane z'ingenzi zikenewe gukemurwa: hali ihinduka lya "statut" z'abakozi bakoraga muli Service Civique de la Jeunesse", gucumbikira abana bo mu bigo, "uniformes" na "minerval".

1) <u>Ibyerekeye "statut"</u>
Abalimu bigishaga mu bigo bya "S.C.J." bari bafite "statut" bihaliye none ubu hateganyijwe kubashyira mu byiciro bitatu.

- Abahembwa umunsi
- Abakozi batera kontaro
- Aba "sous statut"

Milita Ministri yasobanuye ko ali ngombwa kubateza kontar; kugirango banashobore guhembwa.
Impamvu y'icyo cyemezo ni ukugirango hagati aho babone uko bahembwa n'aho bahemberwa. Imishahara izaguma uko yali isanzwe.
Nyuma y'ibyo, hali abagomba kwinjira mu rwego rwa ba "sous statut" bitewe n'icyiciro cy'amashuli bize. Milita Ministri yasabye ko izo kontaro zigomba kuba zageze muli Ministeri bitarenze taliki ya 12 Werurwe 1984.

.../...

2) Ibyerekeye icumbikirwa ly'abana

Ubusanzwe abana biga batahа iwabo. No mu bigo bya S.C.J. n'uko bizagenda. Abana baziga batаha. Abari mu bigo by'i Kirwa n'i Mayange bazakomeza gucumbikirwa kugeza abalimo barangije noneho bagakulikiza programu imwe n'ahandi.

- Ku byerekeye kugabulira abo bana, Minisiteri izatanga ibiryo ikulikije ibihali. Bizatangira guhera ku italiki ya 15 Werurwe 1984, bikagenerwa abana gusa.

  Abigisha rero nta maposho y'ibiryo bazongera gufata.

  Ikindi kandi hafashwe icyemezo cyo kwita ibigo byose dufite "Centres de Formation de la Jeunesse".

3) Ibyerekeye "uniformes"

Urubyiruko rwo muli S.C.J. rusanganywe "uniformes". Milita Ministri yasanze ali ngombwa kuzashyiraho komisiyo izamwigira niba "uniformes" zakwizwa mu bigo byose by'urubyiruko n'uko iyo"uniforme" yaba isa.

4) Ibyerekeye amafaranga y'ishuli "Minerval"

Nta mafaranga twakaga abana biga mu bigo Minisiteri yashinze.

Icyakora duherutse kwemeranywa n'ababyeyi bafite abana i GACULIRO ko bazajya batanga buli mwaka 2.000 FRW.

Tuzashyiraho amabwiliza yo kwaka amafaranga 1.000 FRW mu bindi bigo bisigaye.

Ayo mafaranga agomba kubikwa muli Banki, akazagoboka abana barangije mu kubagulira ibikoresho bimwe na bimwe.

E) Ibibazo n'ibisubizo.

Kugira ngo abali mu nama batahe badafite ingingimira ku mutima, Milita Ministri yasabye uwo aliwe wese kubaza ibyo atumvise.

1) Kuki hali abakoze sitaji none bakaba batabona amafaranga y'ubumenyi bungutse ?

Igisubizo : Muli Leta hali "grade de recrutement" hakaba na "prime". Iyo "prime" itangwa limwe gusa.

Abazaba ba S/Statut, nibo bazabona "prime" y'amafaranga 2%.

Abo bagomba kuba bafite nibura amashuli atatu yisumbuye kugirango "Fonction Publique" ibemerere. Kuba S/contrat bo ntibiteganijwe.

2) Kuki abatangiye gukora mu 1964 banganya umushahara n'abarangije i SAVE mu 1979 ?

Igisubizo : Ibyo byatewe n'uko sitati na "barème" atali zimwe.

Hali abahembwa hakulikijwe imishahara yo mu Ngabo z'Igihugu hakaba abafundi n'ababaji bafite imishahara ihuje n'abakozi bo hanze.

.../...

3) Hali ba "Instructeurs" bakatiyeho bali bagiye kubona ipeti, ubwo se ntibahahombeye ?

Igisubizo : - Prezida wa Repubulika yasabye ko ducunga neza umutungo w'Igihugu. Iryo tegeko tugomba kulikulikiza.
Abakozi bafite amashuli angana, n'uburambe mu kazi bungana, bazanganya imishahara.

- Icyo buli wese akwiye kwikurano ni ukuvuga ngo nigiye kuba "Instructeur" ngo none nkwiliye umushahara ungana utya
- Kuba "Instructeur" byonyine ntibiteganyilijwe umushahara muli sitati y'abakozi.
- Uzabona ko kontaro ye itamunyuze, azaze muli Minisiteri abinsobanulire.

4) Izina : "Centre du Service Civique de la Jeunesse" ryali likwiye kugumaho.

Igisubizo : Iteka ibintu bigenda bihinduka maze umuntu akareba ikiboneye kurushaho.
Hali ibigo 12 bya S.C.J.
Twali dusanganywe ibigo 46 twita "Centres de Formation de la Jeunesse".
Birumvikana ko byose byafata izina limwe bikitwa "C.F.J.".

5) Hakwiliye gutangwa impanyabushobozi ku bana barangije. Abana bishimira kugira agapapuro batahana ?

Igisubizo : Twateganyije kubaha urwibutso twita "Attestation de fréquentation". Urubyiruko rugomba kwiyumvisha ko rutagomba kwirukira mu mijyi ngo rujye kwaka akazi. Uburere rubona buganije gutuma ruhana iwabo.

6) Amafaranga ya misiyo tutabonye azabonoka ate ? Ko twakoreshaga "feuille de route" gusa ?

Igisubizo : Abafite icyo kibazo bazazane za "feuilles de route" tubone uko tubaha "ordres de mission" kugira ngo Minisiteri y'Imali n'Ubukungu izabone uko ibaha amafaranga yabo.

7) Dukeneye za sitaji kugira ngo tubone uko twisumbura mu bumenyi no ku mishahara ?

Igisubizo : Uyu mwaka hateganijwe sitaji y'Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko.
Hali za sitaji zo kujya mu mahanga tujya tubona cyangwa zitangwa na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Imugurwa ry'Abakozi.
Tuzajya tubibamenyesha ngo ababishaka batange kandidatire.

8) Ko i Mayange hali abana bagiye kurangiza tuzabemerera gushinga "village" ?

Igisubizo : Icyo kibazo kizaba cyabonewe igisubizo mbere y'ukwezi kwa Nyakanga 1984.

.../...

UMUSOZO

Milita Ministri mu gusoza inama yibukije abakozi ba S.C.J. ko kuva taliki 8/1/1984 babaye abafasha be, buli wese mu rwego alimo.
Yabashimiye ko bose bafite umutima mwiza wo gukorana nawe kandi ko ingorane zibereyeho kubonerwa umuti. Yasabye buli muntu kumva ko afite uruhare runini mu majyambere y'Igihugu kandi ko ubwumvikane alibwo buzatuma imilimo igenda neza.
Milita Ministri yasabye abayobozi b'ibigo by'Urubyiruko gucunga neza umutungo baragijwe, kubaha ibya rubanda nyamwinshi nk'uko Prezida wa Repubulika ahora abyibutsa.
Yabijeje ko azajya ahasura akagera muli buli kigo nibura limwe mu mwaka.
Yabasobanuliye ko nta n'umwe ahejo mu biro bye. Uzaza amusanga ntazasubizwa inyuma, n'ubwo umuti w'ibibazo utabonekeraho ako kanya.
Mu kurangiza inama, Milita Ministri yasabye abafasha be gutegura "remise et reprise" neza ku buryo kuva taliki 12/3/1984 abagomba kwimuka bagenda nta ngingimili.
Milita Ministri yasabye Lt. Colonel RUHASHYA kumwigira "Règlement de discipline" yakwigishwa mu bigo by'Urubyiruko.

Abanditsi
- HAKIZIMANA Protazi
- BAGOYI Jozefu

Prezida w'Inama
Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NZINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM

# TABLEAU DES MUTATIONS

| Nom et Prénom | Nom de l'ancien Centre | Centre d'affectation |
|---|---|---|
| 01. Mr BASHAKA Bernard | C.S.C.J. MPANDA | C.F.J. SHYOGWE |
| 02. Mr RUHANAMILINDI J.Ch. | C.S.C.J. NYANZA | C.S.C.J. MUKINGO |
| 03. Mr MUNAGA François | C.F.J. KARAGO | C.S.C.J. NYANZA |
| 04. Mr UWIMANA Sylvestre | C.S.C.J. NYANZA | Chantier Est de MURAMBI-BYUMBA |
| 05. Mr NKERAGUTABARA Juvénal | Chantier Sud de Gikongoro S/Préfecture MUNINI | C.S.C.J. CYANGUGU |
| 06. Mr BAZATSINDA J.M.V | C.S.C.J. CYANGUGU | C.F.J. TYAZO KIRAMBO-CYANGUGU |
| 07. Mr MUNYAMPARA Sylvestre | C.S.C.J. KIBUYE | C.F.J. KARAGO |
| 08. Mr KANYENZI Séverin | C.S.C.J. KIBUYE | Encadrement Régional de la Jeunesse KIBUYE |
| 09. Mlle M.SHYAKA Thérèse | Encadrement Régional de la Jeunesse KIBUYE | C.S.C.J. KIBUYE |
| 10. Mr GATETE J.de Dieu | C.S.C.J. MUTURA | C.F.J. MASAKA |
| 11. Mr MWITABANGOMA J.M.V | Encadrement Régional de la Jeunesse BUTARE | C.S.C.J. MUKINGO |
| 12. Mr RUTAGARAMBA Enéas | C.S.C.J. MUKINGO | C.F.J. KARAGO |
| 13. Mr MUSILIKARE Fabien | C.S.C.J. KIRWA | C.S.C.J. MAYANGE |
| 14. Mr SENGOGA J.Baptiste | C.S.C.J. MAYANGE | C.S.C.J. KIRWA |
| 15. Mr MBARAGA Etienne | Encadrement Régional de la Jeunesse GITARAMA | C.S.C.J. MAYANGE |
| 16. Mr KAYINAMURA Charles | C.S.C.J. MAYANGE | C.F.J. GACULIRO |
| 17. Mr BALIHEMUYE | C.S.C.J. MAYANGE | Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Coopératif |
| 18. Mr MUSAFILI Onésine | C.S.C.J. MAYANGE | Chantier Est de MURAMBI-BYUMBA |
| 19. Mr NIYIGABA Sylvain | C.S.C.J. KANOMBE | Mouvement Xavéri Kigali |
| 20. Mr MUNYANEZA Antoine | C.S.C.J. MUKINGO | C.F.J. GACULIRO |
| 21. Mr NDAZIRENGEYE Thar. | C.S.C.J. MAYANGE | C.S.C.J. KIBUYE |
| 22. Mr NSHIMYUMUKIZA Eliel | Encadrement S/Régional de la Jeunesse de S/Préfecture KIYUMBA-GITARAMA | Encadrement Régional de la jeunesse GITARAMA |